UBUTUMWA BW'INCAMAKE BUFITE INSANGANYAMATSIKO IGIRA ITI:

"NI GUTE NAKWINJIRA MU BUYISLAMU?"

Byateguwe n'ukeneye impuhwe za Nyagasani

Sheikh HAYITHAM MWENE MUHAMAD SARIHAN
Uwahoze ari umwarimu mu ishuri ry'Umusigiti w'Intumwa Muhamadi, akaba n'umuyobozi w'ishuri rya Sunat

https://mahadsunnah.com/
Imana imubabarire ibyaha we n'ababyeyi be ndetse na buri wese wamufashije mu gusohora iki gitabo.

Cyasemuwe mu Kinyarwanda na

Sheikh TWAGIRAMUNGU Mudathir
Imana imufashe kandi imutunganyirize gahunda ze

Icapiro rya mbere

Uburenganzira bwo gucapisha iki gitabo buremewe kuri buri Muyislamu wese, ariko atagize icyo ahinduramo

اللغة: كينيارواندا

Ururimi rw'ikinyarwanda

IBIBAZO	IBISUBIZO
Ese kwinjira muri Islam ni ibintu byoroshye?	Yego, ni ibintu byoreshye kuko bidasaba umuhuza uwo ariwe wese cyangwa imihango runaka.
Ese nshobora kwihutira kwinjira muri Islam, cyangwa igihe gikwiye cyangwa kubanza gukemura bimwe mu bibazo?	Yego ni ngombwa kwihutisha kwinjira muri Islam kuko kubikerereza bishobora guteza ibibazo byo kuba wapfa igihe icyo aricyo cyose, nkuko kwinjira muri Islam ari ibyashara bidahomba, bityo uko wihutiye kwinjira mu bucuruzi niko inyungu iba nyinshi.
Ushaka kwinjira muri Islam yakora iki?	Aba akeneye gusa kwatura akavuga Shahada ebyiri akavuga ati “Ashihadu an lailaha ila llah wa ashihadu ana Muhamada rasulu llah”

IBIBAZO	IBISUBIZO
Ni mu uruhe rurimi yabivuga mo?	Yavuga Shahada mu rurimi urwo arirwo rwose yumva neza ntabwo ari ngombwa kuyivuga mu rurimi rw'icyarabu.
Ese ashobora kuvuga Shahada atanazi icyo bisobanuye?	Oya, umuntu agomba kuvuga Shahada ebyiri azi neza icyo zisobanuye kandi yemera ibizikubiyemo kandi agomba no gukora ibijyana nazo.
"Ashihadu" bisobanuye iki?	Bisobanuye ngo ndemera ku mutima nkanavugisha ururimi, nkanakoresha ingingo z'umubiri wanjye.
"La ilaha ila llah"	Bisobanuye ko ntawe ukwiye gusengwa mu

IBIBAZO	IBISUBIZO
bisobanuye iki?	kuri usibye Allah wenyine.
“Ana Muhamada abduhu wa rasuluhu” bisobanuye iki?	Bisobanuye ko Muhamadi ari umugaragu udashobora gusengwa, akaba n’intumwa idashobora kubeshya. Iyi Shahada ikaba igomba kujyana no kwemera ibyo intumwa yavuze no kumwumvira mu byo yategetse no kureka ibyo yabujije, ugakurikira imigenzo ye kandi akaba ikitegererezo kuri wowe.
Ubu noneho ndasobanukiwe ni iki nsabwa gukora noneho?	Subiramo noneho ibyo mvuga “Ashihadu an la ilaha ila llahu, wa

IBIBAZO	IBISUBIZO
	ashihadu ana Muhamada rusulu llahi”
Ese ubu mbaye Umuyislamu?	Nibyo, Imana ishimwe, ibi ni kubw’impano y’Imana kuri wowe.
Ubu se nk’umuyislamu wangira iyihe nama?	Ndakugira inama yo gusaba Imana ko yagushikamisha mu idini ye, ukanahitamo inshuti nziza zagufasha muri ibyo kandi ugomba kwiga ukamenya Islam ukageragеza guhisha ubuyislamu bwawe kugeza ubwo bumaze gukomera.
Ese ubusabe bwiza ni ubuhe?	Imana yaravuze muri Surat Al Fatih. Ubusabe bworoshye ni “Bismilahi lahi rahman rahim” ukabivuga winjira mu Musigiti ndetse n’igihe winjira mu rugo, n’igihe

IBIBAZO	IBISUBIZO
	usohotse mu rugo, n'iyo ugiye gusoma Qor'an, n'iyo ugiye kwinjira mu bwiherero na mbere yo kwiyambura imyenda na mbere yo gutawaza na mbere yo kurya no kunywa n'ahandi.
Ese bizagenda bite ku ibyaha nari narakoze mbere yo kwinjira muri Islam?	Islam ikuraho ibyaha byayibanjirije usibye gusa ibifitanye isano n'ukuri kw'abantu kugomba kwishyurwa.
Ni iki nsabwa gukora nyuma yo kuvuga Shahada?	Ugomba kwiyuhagira.
Kuki ngomba kwiyuhagira?	Icya mbere: Umuyislam ntagomba kuvuga ngo kuki? Ahubwo avuga ibiri muri Surat "Al Haqat, Al Maariji na Nuhu" ayat: 51. Icya kabiri: Ukisukura

IBIBAZO	IBISUBIZO
	ugacyesha umubiri wawe nkuko wakesheje umutima wawe.
Ni byiza, noneho ni gute na kwoga?	Ni ukugambirira k'umutima ko ugiye kwoga ukavuga uti "Bismilahi" hanyuma ugakwiza umubiri wose amazi.
Nyuma yo kwoga ni iki gikurikira ho?	Igihe cy'isengesho kigeze ni ukwinjira mu isengesho ugasenga, k'ubushobozi bw'Imana.
Ko mu iswala harimo amagambo n'ibikorwa ntaramenya?	Islam ni idini yoroshye ntabwo ikomeye Imana ishimwe kandi isingizwe.
Ese ni gute nshobora gusenga?	Kurikira isengesho hamwe nanjye cyangwa ubanze urebe ka video kigisha gusari, kari mu ndimi zitandukanye, kuri chenel z'ishuri rya Sunat, uri

IBIBAZO	IBISUBIZO
	busange ku mirongo ya internet iri ku mpera z'ubu butumwa.
Hanyuma nimara gusenga igikurikiraho ni iki?	Ugomba kwiga inkingi eshanu Islam yubatseho, hanyuma ukaniga inkingi zo kwemera gutyo gutyo kugeza ubwo wujuje byose mu ibituma Islam yawe n'ukwemera kwawe byuzura.
Ni izihe mbuga za internet wangira inama yo kujya nzisura kugira ngo nige Islam?	Ndakugira inama yo gusura imbuga z'abamenyi bakuru ndetse n'izi miryango y'ivugabutumwa yo muri Saudi Arabia.
Ni gute ubu nakorana n'abavandimwe banjye batari abayislamu?	Ugomba gukorana nabo nkuko intumwa Muhamadi yakoranaga n'abatari abayislamu, yari umuntu uhamagarira abantu Islam

IBIBAZO	IBISUBIZO
	akoresheje ururimi, ndetse n'imico ye no mu mikoranire ye nabo.
Hari umuntu ushaka kwinjira Islam ariko ntashaka ko bene wabo babimenya, uwo itegeko rimuvuga ho iki?	Ntabwo ari ngombwa ko uwinjiye idini abibwira bene wabo kuko ubuyislamu bwe buba ari hagati ye na Nyagasani we.
Ni ikihe gitabo cyiza muri Islam?	Igitabo cyiza muri Islam ni qor'an, kuko ari amagambo y'Imana Nyagasani.
Ni izihe Surat za ngombwa muri Qor'an?	Isurat ya ngombwa muri Qor'an ni Surat Al Fatihat, ari nayo mpamvu tuyisoma kuri buri rakaa mu isengesho.
Ni iyihe ayat ihambaye muri Qor'an?	Ayat ihambaye muri Qor'an ni ayat al kurusiy.
Ni gute nabasha gusoma Qor'an?	Ni ukwiga Qor'an no kumviriza ibisomo

IBIBAZO	IBISUBIZO
	by'abasheikh nka Hudhayif na Al Huswariy nabandi.
Ni gute nasobanukirwa Qor'an?	Wasobanukirwa Qor'an ugiye usoma ibitabo bya Tafsir zanditswe n'abamenyi ba Islam bizewe.
Ni he nakura Tafusir ya Qor'an?	Nakugira inama yo kujya ku icapiro ry'imisafu rya Madinah.
Ni ibihe bitabo wangira inama yo gusoma nyuma ya Qor'an?	Nakugira inama yo gusoma ibitabo bya Hadith z'intumwa Muhamadi.
Ni ikihe gitabo cyiza muri Hadith?	Igitabo cyiza muri Hadith kandi cy'ukuri ni igitabo cya Sahihul Bukhariy, nicyo abantu bose bahurijeho ndetse n'abamenyi bose bacyemeranyaho, ndakugira inama yo kujya

IBIBAZO	IBISUBIZO
	ku mpera y'ubu butumwa agakuraho ibitabo.
Ni iyihe Hadith ihambaye muri Sunat z'intumwa Muhamadi?	Hadith ihambaye muri Sunat z'intumwa Muhamadi ni Hadith ya Jibril isobanura inzego z'idini eshatu: Islam, Ukwemera na Ih'san.
Njyewe ndatinya ko ntazashobora kwiga Islam?	Witinya, ahubwo iringire Imana, izagufasha mu nzira urimo kandi idini iroroshye Imana igutere inkunga yo kugera kubyo ikunda kandi yishimira. Birashoboka kwigana natwe mu buryo bw'iya kure mu ishuri ryacu rya Sunat, wifashishije imirongo ya internet iri ku mpera y'ubu butumwa. Mu gusoza: Ndakugira

IBIBAZO	IBISUBIZO
	inama yo gushikama ku ijambo ry'intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha) rigira riti "Jya wita ku ibigufitiye akamaro, wiringire Imana kandi ntuzemera gutsindwa"

رَوابِطُ قَنَواتِ مَعْهَدِ السُّنَّةِ:

مَوقِعُ مَعهَدُ السُّنَّةِ:

رابِطُ الفيس بوك:

رابِطُ التِّلجرام:

رابِطُ الانستغرام:

رابِطُ التويتر (X):

رابِطُ الواتساب:

قَناةُ اليوتوب:

رابِطُ تَحميلِ الكُتُبِ: